Repubulika y'u Rwanda
Intara y'Amajyaruguru
Akarere ka Musanze

# Inyangakugoma NewsLetter

## Ikinyamakuru cy'Akarere ka Musanze

Mata – Nyakanga

## Imiryango 115 yasenyewe n'ibiza yashyikirijwe inzu yubakiwe



**Minisitiri w'Ibikorwa by'Ubutabazi, Maj. Gen (Rtd), Albert Murasira ni we wayoboye umuhango wo gushyikiriza abaturage inzu bubakiwe.**

Kuwa 9 Nyakanga 2025, imiryango 115 itishoboye, igizwe Abantu 460, yo mu Karere ka Musanze mu Murenge wa Musanze yasenyewe n'ibiza yashyikirijwe inzu yubakiwe na Minisiteri Ishinzwe Ibikorwa by'Ubutabazi, MINEMA, bufatanyije n'Akarere ka Musanze na Banki y'Isi zuzuye zitwaye 880,328,125 Frw.

Uyu muhango wayobowe na Minisitiri w'Ibikorwa by'Ubutabazi, witabirwa n'abayobozi batandukanye barimo Guverineri w'Intara y'Amajyaruguru na Koite Nyobozi y'Akarere ka Musanze.

Izi nzu zatangiye kubakwa muri Gashyantare uyu mwaka zigomba gutuzwamo imiryango yagizweho ingaruka n'ibiza byibasiye Igihugu mu bihe byahise bikangiza inzu n'abaturage ndetse bigatwara bamwe ubuzima.

Komeza kuri Paji ya 17

Muri iki Kinyamukuru, Inkuru zubakiye:

Ku miyoborere myiza

Ku bukungu

Ku mibereho myiza

Ku mikino n'imyidagaduro

**Musanze ni Akarere k'ubukerarugendo. Nimudusure; muzakiranwa yombi, mwishimire ibyiza nyaburanga turusha abandi. Ikaze iwacu!**

## Gutangiza ibizamini bisoza Amashuri yisumbuye

Tariki ya 9 Nyakanga 2025, Umuyobozi w' Akarere Wungirije ushinzwe imibereho myiza y'abaturage, Bwana Kayiranga Theobald, ari kumwe na Bwana Kavutse Vianney, Umuyobozi ushinzwe Igenzura ry'Ireme ry'Uburezi bw'Ibanze na muri NESA, ndetse na Madamu Umutoni Alice, Umuyobozi w'Uburezi mu Karere, batangije ku mugaragaro ibizamini bya Leta bisoza Icyiciro Rusange n'ibisoza Icyiciro cya Kabiri cy'Amashuri yisumbuye ku kigo cya GS Saint Vincent Muhoza, ahari hateraniye abanyeshuri 265. Mu ijambo rye, Bwana Kayiranga Theobald yasabye abakandida kugira umuco wo kwitabira ibizamini uko bikwiye no kugendera ku mategeko n'amabwiriza agenga ibizamini bya Leta.



**Visi Meya Kayiranga Theobald atangiza ibizamini**




## Kwibuka ku nshuro ya 31 Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994


Gutangiza icyumweru cy'icyunamo

Ku wa 7 Mata 2025, hirya no hino mu gihugu hatangijwe icyumweru cyo kwibuka Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994. Mu Karere ka Musanze, umuhango wo gutangiza icyumweru cy'icyunamo wabereye mu Murenge wa Kinigi, aho umushyitsi mukuru yari Dr. Letitia NYINAWAMWIZA. Mu bitabiriye uyu muhango, harimo abagize Inama Njyanama y'Akarere, Komite Nyobozi y'Akarere, Inama itaguye y'umutekano, ubuyobozi bwa IBUKA mu Karere , abayobozi ba za kaminuza, abayobozi b'amadini, PSF, n'abaturage baturutse mu Mirenge itandukanye.

Umuhango watangijwe n'urugendo rwo kwibuka rutangiriye ku cyicaro cy'Umurenge wa Kinigi, rugana ku Rwibutso rwa Jenoside rwa Kinigi, aho hashyinguwe Abatutsi 166 bazize Jenoside, mu rwego rwo kubibuka no kubaha icyubahiro.

Ubutumwa bwatanzwe kuri uyu munsi bwibanze ku kwihangisha abarokotse Jenoside yo mu 1994, no kumenyesha abanyarwanda bose ko Jenoside yabayeho iteguwe itazongera kubaho ukundi kuko Abanyarwanda biyemeje kurandura burundu icyatuma bongera gucikamo ibice.

## Uruzinduko rw'itsinda ryaturutse muri Burkina Faso

Kuwa 1 Mata 2025, Umuyobozi w'Akarere ka Musanze Bwana Nsengimana Claudien, yakiriye intumwa zaturutse muri Burkina Faso, zihagarariwe n'Umuyobozi w'Ibikorwa mu muryango Konkourona Alliance Foundation (KAFO). Uru ruzinduko rwari rugamije kwigira ku bunararibonye u Rwanda rufite mu rwego rwo guteza imbere abaturage (human capital development).

Nyuma yo kuganira ku miterere y'Akarere ka Musanze no gusobanurirwa muri rusange gahunda z'ubufasha zihabwa abaturage n'uburyo JADF ifasha mu bikorwa by'iterambere mu Karere ka Musanze, Iri tsinda ryasuye ibikorwa bitandukanye by'iterambere.


**Umuyobozi w'Akarere ni we wakiriye abashyitsi**

Itsinda ryasuye Ikigo Nderabuzima cya Kinigi, Umudugudu w'icyitegererezo wa Kinigi, ndetse banasura bamwe mu bagenerwabikorwa ba VUP mu Murenge wa Muko.




# Kwibuka ku nshuro ya 31 Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994



**Kwibuka ku nshuro ya 31 Jenoside yakorewe Abatutsi mu cyahoze ari Komini Mukingo**

Kuva mu kwezi kwa Mata kugera muri Kamena uyu mwaka, mu Karere ka Musanze abagize Komite Nyobozi bitabiriye mu bihe bitandukanye umuhango wo kwibuka ku nshuro ya 31 Jenoside yakorewe abatutsi mu 1994.

Kuwa 8 Mata 2025, Minisitiri w'Intebe Dr. Edouard NGIRENTE yifatanyije n'abaturage b'Akarere ka Musanze mu muhango wo Kwibuka ku nshuro ya 31 Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, wabereye kuri Stade ya UR CAVM, mu cyahoze ari Komini Mukingo. Minisitiri Dr. Ngiente Edouard yihanganishije imiryango y'Abarokotse Jenoside yakorewe Abatutsi, asaba abaturage kurwanya ingengabitekerezo ya Jenoside no gukomera ku gihango cy'ubumwe bw'abanyarwanda.



Kuwa 15 Mata 2025, Minisitiri w'Ingabo Juvenal Marizamunda yifatanyije n'abaturage ba Musanze mu muhango wo Kwibuka no kunamira Inzirakarengane zazize Jenoside yakorewe Abatutsi ziciwe mu cyahoze ari Ingoro y'Urukiko rw'Ubujurire rwa Ruhengeri, n'Abatutsi bajugunywe mu mugezi wa Mukungwa. Minisitiri w'Ingabo Juvenal Marizamunda yatanze ubutumwa bw'ihumure ko Jenoside yakorewe Abatututsi itazongera kubaho ukundi. Yagize ati: "Abarokotse Jenoside yakorewe abatutsi muhumure kuko umucyo watashye mu gihugu cyacu, icuraburindi ryararangiye kandi umwijima ntuzongera gutaha mu gihugu cyacu ukundi."

Kuwa 15 Gicurasi 2025, Umuyobozi w'Akarere Bwana Nsengimana Claudien ari kumwe n'abandi bagize Komite Nyobozi, yifatanyije n'Inama y'Igihugu y'Abagore mu Karere ka Musanze mu muhango wo kwibuka abagore n'abana bazize Jenoside yakorewe Abatutsi. Uyu muhango wabereye ku Rwibutso rw'Akarere ka Musanze.



**Umuhango wo gucana urumuri rw'icyizere cyo kubaho**




## Komite Nyobozi yitabiriye Inteko z'Abaturage; urubuga rukoreshwa n'ubuyobozi mu gukemura ibibazo by'abaturage



**Inteko y'Abaturage yabereye mu Kagari ka Gasakuza/Gacaca**

Kuwa kabiri wa buri cyumweru, mu Tugari tugize Akarere ka Musanze haterana Inteko z'Abaturage.  Inteko z'Abaturage ni urubuga ruhuza abaturage n'abayobozi, bakungurana ibitekerezo bagamije kwiteza imbere. Mu Nteko z'Abaturage abayobozi bafatanya n'abaturage gukemura ibibazo byagaragajwe, bagatanga ubutumwa butandukanye bujyanye no gukangurira abaturage kwitabira gahunda zitandukanye za Leta.

Kuwa 10 Kamena  2025, Guverineri w'Intara y'Amajyaruguru, Bwana Mugabowagahunde Maurice, ari kumwe n'Abasenateri Madamu Mureshyankwano Marie Rose na Madamu Uwimbabazi Penina, n'Umuyobozi w'Akarere ka Musanze Bwana Nsengimana Claudien, bitabiriye inteko y'abaturage yabereye mu Kagari ka Gasakuza, mu Murenge wa Gacaca.

Guverineri yashimiye abaturage ku bikorwa byiza bagezeho. Yasabye ko bakomeza gushyira imbaraga mu kurangiza ibikiri inyuma no kugera ku ntego z'imyaka iri imbere, zirimo kwitabira ubwisungane mu kwivuza, kurwanya igwingira n'imirire mibi, ndetse n'ibindi bibazo by'umutekano w'abantu.

Abasenateri bashimye abaturage kubwo kubahiriza amategeko n'amabwiriza arengera ibidukikije.

Kuwa 17 Kamena 2025, Umuyobozi w'Akarere Bwana NSENGIMANA Claudien ari kumwe n'umuyobozi wa Polisi mu Karere ka Musanze, SSP Bagabo James, bitabiriye inteko y'abaturage yabereye mu Kagali ka Kibirizi, mu Murenge wa Gacaca.



**Inteko y'Abaturage yabereye mu Kagari ka Kibirizi/Gacaca**

Umuyobozi w'Akarere yashimiye abaturage uruhare bagira mu iterambere ry'akarere, abibutsa amategeko agenga ikoreshwa ry'umutungo kamere w'amabuye y'agaciro no kurengera ibidukikije. Nyuma yo gusobanura ayo mategeko mu buryo burambuye, yabibukije ko kuyarenza ku murongo bigira ibihano bikomeye.

Umuyobozi wa Polisi mu Karere (DPC) yasobanuriye abaturage uburyo bagomba gukorana na Polisi n'izindi nzego z'umutekano, abasaba kwirinda ibikorwa byo gucukura amabuye y'agaciro mu buryo bunyuranyije n'amategeko no kwirinda gusagarira Inzego z'umutekano mu gihe ziri mu bikorwa byazo.




## Abagize Komite Nyobozi bitabiriye ibikorwa bitandukanye by’imiganda



Ku wa 1 Mata 2025,  Visi Meya ushinzwe iterambere ry’ubukungu Madamu UWANYIRIGIRA Clarisseyitabiriye umuganda wo gutera ibiti  muhanda uva ku mugezi wa Mukungwa werekeza mu Kagari ka Kigombe.

Uyu muganda wateguwe ku bufatanye na Kaminuza ya  Kigali, Ishami rya Musanze, witabirwa n’abayobozi batandukanye barimo ba Umuyobozi wa Kaminuza ya Kigali, Prof. George Kimathi n’umuyobozi w’ishami rya Musanze, Dr. Hakizimana Leopold.

Mu ijambo rye, Madamu UWANYIRIGIRA Clarisse yashimiye buri wese witabiriye uyu muganda ndetse na Kaminuza ya Kigali ku bufatanye bagaragaje mu bikorwa byo kurengera ibidukikije. Yagaragaje akamaro k’ibiti mu kurengera ibidukikije no gutuma umujyi urushaho kugaragara neza, ashimangira ko ubufatanye ari ngombwa mu kurengera ibidukikije.

Umuganda usoza ukwezi kwa Mata wabaye ku wa 26 Mata 2025. Abagize Komite Nyobozi y’Akarere bifatanyije n’abaturage b’Akagari ka Mbwe n’abo mu kagari ka Muharuro, mu murenge wa Gashaki. Uyu muganda wibanze ku bikorwa byo gusana ibiraro, gukura ibitengu mu muhanda, gusiba ibinogo no gusibura inzira z’amazi.



**Umuganda usoza ukwezi kwa Mata 2025**

Mu butumwa yagejeje ku bitabiriye umuganda, Umuyobozi w’Akarere Bwana Nsengimana Claudien yashimiye abaturage ko bitabiriye, kandi bagakorana umwete.

Yagize ati: “Reka nongere mbashimire rwose, mbashimire uburyo mwitabiriye umuganda usoza uku kwezi kwa Mata muri benshi, kandi noneho n’umwete mwashizemo kugira ngo iki gikorwa cyo gusana ibi biraro byagaragaraga ko bishaze kibashe kuba cyagenze neza kandi mbasabe no gukomeza guhuriza hamwe imbaraga kugira ngo n’igice gisigaye kizakorwe vuba.”




## Visi Meya Ushinzwe Iterambere ry’Ubukungu yagiranye inama n’abakozi bashinzwe ubuhinzi




Ku wa 4 Mata 2025, Visi Meya Ushinzwe Iterambere ry’Ubukungu, Madamu UWANYIRIGIRA Clarisse, ari kumwe n’Umuyobozi w’Ishami ry’Ubuhinzi, Bwana NGENDAHAYO Jean, bayoboye inama yahuje abagoronome n’abakozi bashinzwe iterambere ry’ubukungu n’imibereho myiza mu tugari, ari na bo bafite ubuhinzi mu nshingano. Iyi nama yari igamije kungurana ibitekerezo ku ngamba zo kunoza ikoreshwa ry’ifumbire ya DAP mu rwego rwo kongera umusaruro w’ubuhinzi.

Mu gutangiza inama, Visi Meya yasabye abayitabiriye gukorana bya hafi mu gikorwa cyo kwamamaza ikoreshwa ry’iyo fumbire, bagashyira imbaraga mu kwegera abahinzi kugira ngo babafashe gusobanukirwa neza ubwoko bw’ifumbire bakeneye ndetse n’uburyo bwo kuyikoresha neza mu mirima yabo.



## Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere yasuye Ubuhinzi bukorerwa mu kigo cy’Urubyiruko

Kuwa 26 Kamena 2025, Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere ka Musanze Bwana KANAYOGE Alex yasuye Ubuhinzi bwa kijyambere “Urban agriculture” bukorerwa ku kigo cy'urubyiruko cy'Akarere ka Musanze. Ni ubuhinzi bw'imboga bugaragaza uburyo bwo guhinga mu mujyi hagamijjwe guhinga ubuso buto kandi bushobora kubyara amafaranga no kurwanya imirire mibi.



Bwana KANAYOGE yasabye ubuyobozi bw'ikigo gukomeza gufata neza ubu buhinzi no gukurikirana uko abahuguwe babukorera aho batuye banigisha abaturanyi babo. Abahagarariye urubyiruko, Abagore n'Abafite ubumuga baturuka mu Mirenge ifite ibice by'umujyi na bimwe mu bigo by’amshuri bigishijwe uko ubu buhinzi bukorwa. Kuri ubu buhinzi, biteganijwe ko hazongerwaho ubworozi bw'amafi bukiri mu nyigo.




## Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere yakiriye intumwa za One Acre Fund/TUBURA

Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere ka Musanze, Bwana Alex KANAYOGE yakiriye itsinda ryaturutse muri One Acre Fund/TUBURA, imwe mu masosiyete atanga inyongeramusaruro yunganiwe na Leta hirya no hino mu gihugu.

Muri uru ruzinduko, rwabaye kuwa 7 Gicurasi 2025, bagiranye ibiganiro byibanze ku mikorere n'ubufatanye busanzweho, batanga inama ku buryo bwo kunoza serivisi zitangwa no gukomeza kunoza ubufatanye hagati y'impande zombi.

Baganiriye kandi ku ngamba zo kongera ubukangurambaga mu bihe by'ihinga biri imbere, cyane cyane kongera ibiti bivangwa ndetse n'ibiti by'imitako bigamije kurimbisha umujyi wa Musanze no guteza imbere ubuhinzi bw'ikawa.



Ikindi cyagarutsweho ni uburyo TUBURA yakorana n'Akarere mu gukusanya umusaruro w'ibinyampeke n'ibinyamisogwe.

## Inama nyunguranabitekerezo ku ihangwa ry'umurimo



Umuyobozi w'Akarere Bwana NSENGIMANA Claudien yitabiriye inama nyunguranabitekerezo ku guteza imbere ihangwa ry'umurimo unoze ku rwego rw'Intara y'Amajyaruguru, ifite insanganyamatsiko igira iti: "Ihangwa ry'umurimo, intego dusangiye" yabereye mu murenge wa Nkotsi. Iyi nama yobowe n'Umunyamabanga Uhoraho muri Minisiteri y'Abakozi ba Leta n'umurimo Bwana Musonera Gaspard ari kumwe n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa wa w'Intara y'Amajyaruguru Bwana NGENDAHIMANA Pascal.



Bwana Musonera Gaspard

Abayitabiriye bari kurebera hamwe icyakorwa ngo iyi Ntara yongere imirimo hagamijwe kugera ku ntego za NST2. Yitabiriwe n'abayobozi mu byiciro bitandukanye, barimo abakorera Leta, abikorera n'abandi bose bagira uruhare mu ihangwa ry'imirimo. Iyi nama yabaye kuwa 30/05/2025

# Inyangakugoma News Letter

Mata – Nyakanga

## Gutangiza Icyiciro cya 4 cy'Umushinga wa RUDPII



Kuwa, 4 Kamena 2025, Umuyobozi w'Akarere, Bwana NSENGIMANA Claudien, hamwe na Perezida w'Inama Njyanama y'Akarere, Bwana NDAYAMBAJE Michel, batangije ku mugaragaro icyiciro cya kane cy'umushinga ugamije kunoza imihanda ya kaburimbo mu mijyi yo mu Rwanda, uzwi ku izina rya "RUDPII".

Iki cyiciro kizubakwamo umuhanda wa kaburimbo ungana na kilometero 3.6, ivuriro rito (health post), ubwiherero rusange ndetse n'Ikigo Mbonezamikurire cyita ku bana bato (ECD).

Mu ijambo rye, Bwana NSENGIMANA Claudien yasabye abaturage gukoresha neza amafaranga bahawe y'indishyi z'imitungo yabo, kubaha imbago z'umuhanda, no kuvugurura inyubako zabo ku buryo bujyanye n'igihe.

Yasabye kandi ubufatanye mu rwego rwo gutuma uyu mushinga ushyirwa mu bikorwa neza kandi vuba.

Mu bandi bitabiriye iki gikorwa, harimo Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Iterambere ry'Ubukungu, Madamu UWANYIRIGIRA Clarisse, Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere, Bwana KANAYOGE Alex, Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge wa Cyuve, aho uyu mushinga uzashyirwa mu bikorwa n'umukozi ushinzwe kugenzura ibikorwa byose by'uyu mushinga.




## Gusura imishinga y'Akarere iri mu mihigo y'umwaka wa 2024/2025



Kuwa 4 Kamena, Guverineri MUGABOWAGAHUNDE Maurice, ari kumwe n'abagize Inama y'Umutekano itaguye ya y'Intara y'Amajyaruguru n'Umuyobozi w'Akarere ka Musanze Bwana NSENGIMANA Claudien basuye ibikorwa bitandukanye bikubiye mu mihigo y'Akarere ka Musanze y'umwaka wa 2024/2025.

Intego y'uru ruzinduko yari ugusuzuma aho iyi mishinga igeze ishyirwa mu bikorwa, kumenya imbogamizi zihari, no kureba icyakorwa kugira ngo isozwe vuba.

Basuye imishinga irimo icyiciro cya kane cy'umushinga wa RUDPII mu Murenge wa Cyuve, umushinga wo kubaka uruganda rutunganya imyanda, uzwi nka Musanze FSTP na Landfill iherereye mu Murenge wa Gacaca, icyumba cy'ababyeyi kiri kubakwa ku Kigo Nderabuzima cya Karwasa mu Murenge wa Cyuve, ndetse n'iyubakwa ry'isoko ryihariye ry'ibiribwa (Food Court) mu Murenge wa Muhoza.

## Imurikabikorwa rya JADF Imbarutso Musanze



Kuwa 19 Kamena 2025, Umuyobozi w'Akarere ka Musanze Bwana NSENGIMANA Claudien ari kumwe na Perezida w'Inama Njyanama y'Akarere ka Musanze Bwana Michel Ndayambaje, batangije ku mugaragaro imurikabikorwa ry'abafatanyabikorwa mu iterambere ry'Akarere bahuriye muri JADF Imbarutso Musanze.

Iri murikabikorwa ryabereye ryabereye kuri Stade ya Ubworoherane, rmara iminsi itatu, aho abafatanyabikorwa bazerekanye ibyavuye mu bufatanye bwabo n'Akarere ndetse n'inyungu z'abaturage babigiramo uruhare.




## Inama Nyunguranabitekerezo ku iterambere ry'Intara y'Amajyaruguru




**Guverineri MUGABOWAGAHUNDE Maurice.**

Kuri uyu wa kane tarikiya 5 Kamena, i Musanze hateraniye inama nyunguranabitekerezo ku iterambere ry'Intara y'Amajyaruguru yayobowe na Guverineri MUGABOWAGAHUNDE Maurice. Abateraniye muri iyi nama barebeye hamwe uko Intara y'Amajyaruguru ihagaze mu bukungu, mu mibereho myiza n'imiyoborere myiza ari nako bafatira hamwe ingamba zo kurushaho kwihutisha iterambere rirambye kandi ridaheza.

Atangiza iyi nama, Guverineri Mugabowagahunde Maurice yagaragaje ko iyi Ntara ihagaze neza mu bipimo bitandukanye, birimo umutekano mwiza, ubuhinzi butanga umusaruro mwiza kandi uhagije, ibikorwaremezo bitandukanye byubatswe mu turere twose tugize iyi ntara, gufasha abaturage kwivana mu bukene, n'ibindi.



**Umuyobozi w'Akarere Bwana NSENGIMANA yitabiriye iyi nama**

Yagaragaje kandi ko abayobozi badakwiye kwirara kuko hakiri ibibazo bigomba gukemurwa. Aha ni ho yahereye abasaba kungera imbaraga mu gukemura ibibazo bikibangamiye imibereho myiza y'abaturage birimo: Isuku nke, Igwingira n'imirire mibi, Imiryango idafite amacumbi, n'Abana bata ishuri.

Abitabiriye iyi nama bagejejweho ibiganiro bitandukanye bibagaragariza uko Intara y'Amajyaruguru ihagaze mu bipimo bitandukanye bijyanye n'umutekano, ubukungu, imibereho myiza n'imiyoborere myiza ari na ko bagaragarizwa ibibazo bihari n'uruhare rwabo mu kubikemura. Bafashe umwanya batanga ibitekerezo bitandukanye biganisha ku kwihutisha iterambere ry'Intara y'Amajyaruguru, bakemura ibibazo bitandukanye bikigaragara muri iyi Ntara.

Iyi nama yahurije hamwe abagize komite nyobozi z'Uturere tugize intara y'Amajyaruguru, Biro ya Njyanama muri buri Karere, abanyamabanga Nshingwabikorwa b'Uturere n'Imiringe, Inzego z'umutekano, uhagarariye ba Rushingwangerero muri buri Karere, Umukuru w'Umudugudu umwe muri buri Karere, abahagarariye urubyiruko, abagore, abafite ubumuga, n'abandi bafatanyabikorwa mu iterambere ry'Intara y'Amajyaruguru.




## I Musanze hatangijwe ingendo z'imodoka zikoresha amashinyarazi




Umuyobozi w'Akarere wungirije ushinzwe iterambere ry'ubukungu, Madamu Uwanyirigira Clarisse, yifatanyije na Basigo Rwanda, isosiyete itanga imodoka z'amashanyarazi mu Rwanda, mu muhango wo gutangiza ku mugaragaro ingendo z'imodoka za mbere z'amashanyarazi mu Karere ka Musanze. Ibi bikorwa byakozwe ku bufatanye na Virunga Express Ltd na Kigali Coach Tour & Travel Ltd.

Hari kuwa 26 Kamena 2025, bibera muri Gare ya Musanze.

Madamu Uwanyirigira Clarisse yagize ati: *"Turishimye cyane kwakira izi modoka 100% zikoresha amashanyarazi.* Ni intambwe y'amateka ku karere kacu. " Yongeyeho ko izi modoka zitari ikimenyetso cy'iterambere n'iyongera ry'imirimo gusa, ahubwo zinashimangira ukwiyemeza kwacu mu iterambere rirambye no kurengera ibidukikije ku bw'abazadukomokaho.

Ati: "Ni ubwa mbere tubonye uburyo bwo gutwara abantu budahumanya ikirere. Nk'akarere ka mbere k'ubukerarugendo mu Rwanda, Musanze yiyemeje kurinda ubwiza karemano dufite. Izi modoka ni ikimenyetso cy'iterambere n'iyongera ry'imirimo, ariko kandi zinashimangira ukwiyemeza kwacu mu iterambere rirambye no kurengera ibidukikije ku bw'abazadukomokaho."

## Guverineri w'Intara y'Amajyaruguru yasuye uruganda rukora sima ruherereye mu cyanya cy'inganda cya Musanze



Aherekejwe n'Umuyobozi w'Akarere ka Musanze Bwana Nsengimana Cladien, Guverineri w'Intara y'Amajyaruguru Bwana Mugabowagahunda Maurice yasuriye uruganda rwa Cimerwa Plc rukora sima, rukorera mu cyanya cy'inganda cya Musanze giherereye mu murenge wa Kimonyi. Uru ruzinduko rwabaye ku wa 3 Mata 2025. Guverineri Mugabowagahunde Maurice yaganiriye n'ubuyobozi bw'uru ruganda ku ruhare rwarwo mu iterambere no mu mibereho myiza y'abaturage bahaturiye.




## Uruzinduko rwa Komisiyo y'Imibereho y'Abaturage n'Uburenganzira bwa Muntu Muri Sena y’u Rwanda



Abasenateri Hon. Cyitatire Sosthène na Hon. Dusingizemungu Jean Pierre bo muri Komisiyo y'Imibereho y'Abaturage n'Uburenganzira bwa Muntu. basuye Akarere kacu, baganira n'abaturage batuye mu birwa byo mu kiyaga cya Ruhondo mu murenge wa Gashaki. Uru ruzinduko rwabyaye kuwa 9 Kamena 2025, rwitabirwa n’Umuyobozi w’Akarere Bwana NSENGIMANA Claudien.



Abaturage bateraniye mu mudugudu wa Birwa utuwe n'imiryango 38, igizwe n'abantu 181, baganira n’abasenateri aho babagarizje ibibazo bafite kugira ngo bikorerwe ubuvugizi.

Uru ruzinduko rwari rugamije kumenya ibibangamiye imibereho myiza y'abatuye mu birwa byo mu kiyaga cya Ruhondo biherereye mu Murenge wa Gashaki n'uburyo byashakirwa ibisubizo kugira ngo abaturage barusheho kwiteza imbere.

Ku munsi wa kabiri w'uruzinduko rwabo mu




Karere kacu, Abasenateri

Bari kumwe n’umuyobozi w’Akarere Bwana NSENGIMANA Claudien n’Umuyobozi w’Akarere Wungirije Ushinzwe Imibereho Myiza y’Abaturage Bwana KAYIRANGA Theobald bagiranye inama n'abayobozi mu nzego zitandukanye, yibanda ku gushakira ibisubizo abatuye mu birwa byo mu Kiyaga cya Ruhondo mu Murenge wa Gashaki.

Muri iyi nama, Abasenateri bagaragarijwe muri rusange amateka y'ibirwa bya Mwegera na Rukira n'ibimaze gukorwa mu rwego rwo guteza imbere imibereho myiza y'ababituye.




## Inama ihuza inganda zikora inzoga mu Ntara y’Amajyaruguru n’iy’Iburengerazuba



**Guverineri w’Intara y’Amajyaruguru Bwana MUGABOWAGAHUNDE Maurice ari kumwe na Guverineri NTIBITURA Jean Bosco w’Intara y’Iburengerazuba**

Kuwa 11 Kamena 2025, i Musanze hateraniye inama ihuza inganda zikora inzoga zo mu Ntara y’Amajyarugu n’Intara y’Iburengerazuba mu rwego rwo kurebera hamwe imikorere yazo, ibibazo birimo no gufatira hamwe ingamba zatuma ibyo bibazo bikemuka, zikarushaho gukora neza no guteza imbere ba Nyirazo, abazituriye n’abazibonamo akazi.



**Umuyobozi w’Akarere atanga ibitekerezo**

Atangiza iyi nama, Guverineri w’Intara y’Amajyaruguru Bwana MUGABOWAGAHUNDE Maurice ari kumwe na Guverineri NTIBITURA Jean Bosco w’Intara y’Iburengerazuba yasabye abafite inganda kubahiriza amategeko bagakora ibinyobwa byujuje ubuziranenge, bakubahiriza amabwiriza y'isuku kandi bagatangira imisoro ku gihe.



**Inzego z’umutekano zitabiriye inama**

Umuyobozi w’Akarere ka Musanze Bwana NSENGIMANA Claudien yitabiriye iyi nama, atanga ibitekerezo bigamije kunoza imikorere y’izi nganda kugira ngo zikomeze gukora ibinyobwa byujuje ubuziranenge kandi zirusheho gutera imbere.

Iyi nama kandi yitabiriwe n’abagize inama y’umutekano itaguye mu ntara zombi n’abikorera bafite inganda zikora ibinyobwa bitandukanye

# Inyangakugoma News Letter

Mata – Nyakanga

## Kwizihiza Umunsi mpuzamahanga w'abatanga amaraso




Kuwa wa 14 Kamena 2025, Umunsi mpuzamahanga w'abatanga amaraso wizihirijwe mu Karere kacu ka Musanze ku nsanganyamatsiko igira iti:"Tanga amaraso,tanga icyizere. Twese hamwe dutabare abarwayi."

Uyu munsi witabiriwe na Guverineri w’Intara y’Amajyaruguru Bwana Mugabowagahunde Maurice, Umuyobozi w’Akarere wungirije ushinzwe iterambere ry’ubukungu Madamu UWANYIRIGIRA Clarisse n'umuyobozi w'ishami ryo gutanga amaraso mu kigo cy’Iguhgu gishinzwe Ubuzima Dr Muyombo Thomas.

Mu ijambo rye, Guverineri w’Intara y’Amajyaruguru Bwana Mugabowagahunde Maurice yagize ati: “Turashishikariza abantu bose gutanga amaraso kandi nta kiguzi dutegereje, kuko ari bwo buryo bwizewe bwonyine bwo gukomeza gutanga icyizere cyo gutanga ubuzima ku ndembe zo kwa muganga n’abandi bakenera amaraso. N’abazima kandi turasabwa kwirinda indwara, kwirinda impanuka, Kwirinda indwara zandurira mu maraso n’ibindi byose byatuma twisanga mu bakenera amaraso.”




Umuyobozi w’ishami ryo gutanga amaraso mu Kigo cy’Igihugu cy’Ubuzima Dr. Muyombo Thomas yashimiye abatanga amaraso avuga ko agomba kuboneka kugira ngo uyakeneye wese ayabone. Yagize ati “amaraso yatabara nawe ubwawe cyangwa umuvandimwe wawe. Amaraso ni umuti muganga asabira umurwayi nta kindi cyamutabara gihari. Bityo rero, amaraso agomba kuboneka kugira ngo umurwayi wese uyakeneye ayabone.”




## Gutaha inzu zubatswe mu cyumweru cyahariwe inzego z'umutekano



Kuwa 3 Nyakanga 2025, Minisitiri w’Ingabo, Hon. Juvenal Marizamunda, yayoboye umuhango wo gutaha ku mugaragaro inzu 10 zubatswe mu murenge wa Muko, mu cyumweru cyahariwe inzego z'umutekano.

Uyu muhango wahuriranye no gusoza icyumweru cyahariwe ubufatanye n'Ingabo z’Umuryango w’Afrika y’Iburasirazuba (5th EAC Armed Forces CIMIC Week), witabirwa n’Umuyobozi w’Intara y’Amajyaruguru Bwana Mugabowagahunde Maurice, umuyobozi w’Akarere ka Musanze Bwana Nsengimana Cludien, Umuvugizi w’Ingabo z’u Rwanda (RDF), hamwe n’abasirikare bakuru baturutse mu bihugu bigize EAC.


Inzu zubakiwe abaturage

Minisitiri w’Ingabo yaganiriye n’abahawe inzu abasaba kuzifata neza kimwe n’ibikoresho bahawe.

Abaturage bitabiriye uyu muhango bashimiye Perezida wa Repubulika y’u Rwanda Paul Kagame, ku bikorwa by’iterambere yagiye ashyiraho bigamije kuzamura imibereho yabo, basezeranya ubuyobozi ko bazita ku nzu bubakiwe n’ibikoresho bahawe.

Mu murenge wa Muko, hubatswe inzu 10 zigezweho zahawe imiryango 10 itishoboye. Izo nzu zahawe abaturage zirimo ibikoresho by’ibanze bikenerwa mu rugo.

# Inyangakugoma News Letter

Mata – Nyakanga


## Umurenge Kagame Cup 2025



Ku cyumweru taruiki ya 15 Kamena 2025, mu karere ka Musanze hasorejwe irushanwa rya Umurenge Kagame Cup 2025 ku rwego rw'Igihugu, aho abakinnyi n'amakipe bahize abandi bahembwe ndetse batahana ibikombe.

Abayobozi batandukanye b'inzego z'ibanze, bari bayobowe na Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu, Dr Patrice Mugenzi, bitabiriye uyu muhango. Ubutumwa bwatanzwe uyu munsi bwibanze ku bijyanye n'umutekano, kurwanya ibiyobyabwenge, inkomoko n'intego z'irushanwa rya Umurenge Kagame Cup, ndetse no gushimira amakipe yitwaye neza.

Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu, Dr Patrice Mugenzi, yashimiye abitabiriye bose, agira ati: "Duhamagariwe gukoresha neza impano zagaragaye muri iri rushanwa, tukaziteza imbere kandi tukazirinda. Dufite ingero zigaragaza ko iri ari urubuga rwo guteza imbere impano no gufasha umuntu gukura mu buryo bwuzuye."

Ikipe y'akarere ka Musanze, yegukanye igikombe mu mukino wa Basketball, naho Niyibizi Emmanuel, umwe mu babakinnyi b'Akarere ka Musanze, yegukana intsinzi mu kwiruka metero 3000.

Ikipe y'abahungu mu mupira w'amaguru yaje ku mwanya wa 3, naho ikipe y'abagabo ya sitball iza ku mwanya wa 2. Umuyobozi w'akarere ka Musanze,

Umuyobozi w'Akarere Bwana Nsengimana Claudien, yari mu bayobozi batanze ibihembo.



**Abakinnyi n'abayobozi bishimiye ibihembo batsindiye**




# Imiryango 115 yasenyewe n'ibiza yashyikirijwe inzu yubakiwe Ibikurikira P1



Wari umunsi w'ibyishimo ku bayobozi n'abaturage

Imiryango yubakiwe irashimira ubuyobozi bw'igihugu bubafashije kubona aho kuba hadashyira ubuzima bwabo mu kaga. Madamu Zawadi Christine, ni umwe muri bo, yagize ati "Inzu zari zarasenyutse kubera urubura tukarara mu mazi, abana bahoraga barwaye ibicurane none ubu tubonye inzu nziza zikomeye ntituzongera kunyagirwa, turashimira Leta y'Ubumwe yadukuye mu mashyamba tukaba abanyarwanda nk'abandi."

Minisitiri w'Ibikorwa by'Ubutabazi, Maj. Gen (Rtd), Albert Murasira, yibukije abaturage ko Inzu bahawe ari igishoro cy'ubuzima bityo ko nabo bakwiye kuvana amaboko mu mifuka bagakora baharanira kwiteza imbere, no guteza imbere Igihugu kuko nacyo kibakunda. Ati: "Umukuru w'Igihugu arabakunda kandi imvugo ye niyo ngiro, ubwo ibiza byabibasiraga muri 2023 yabasezeranyije kuzabatabara, inzu muhawe zibabere igishoro cy'ubuzima kuko ni inzu zizamara igihe, muryame neza kandi mutekereze ibibateza imbere n'igihugu."

Yabasabye gufata neza inzu bahawe, bakazirinda kwangirika ahubwo bikababera intangiriro y'iterambere bazirikana ko batazahora bafashwa kandi bagakora n'ibikorwa bibafasha kwirinda Ibiza no kwiteza imbere. Yagize ati "Nibyo koko abatujwe bahuye n'ibyago by'ibiza, ariko kuko Igihugu cyacu gihoza umuturage ku isonga bagombaga gutabarwa, nk'uko Perezida wa Repebulika yabyemeye." Yakomeje avuga ati: "Uyu munsi twatashye inzu 115, zimeze neza zifite ubudahangarwa, abari bahangayitse twabasabye gutuza ahasigaye bakayafata neza nabo bakifata neza ku buryo byaba igishoro cyo kwiteza imbere n'Igihugu cyabo, birinda no guteza ibiza, bakanamenya ko ibikoresho tubahaye byo gushyira muri aya mazu nibisaza bazigurira ibindi."

Inzu zatashywe, imwe igizwe n'ibyumba bitatu n'uruganiriro, igikoni cyo hanze, ubwiherero n'ubwogero ndetse bateganyirijwe n'intebe zo mu ruganiriro n'ibitanda n'ibindi bikoresho bitandukanye byo mu rugo.



Inzu zashyikirijwe abaturage

# Inyangakugoma News Letter

Mata – Nyakanga

## Kwizihiza umunsi mukuru wo Kwibohora



**Umunsi wo Kubohora waranzwe no gutaha ibikorwa byagezweho**

Ku itariki ya 4 Nyakanga 2025, Akarere ka Musanze kizihije isabukuru y'imyaka 31 yo Kwibohora. Ku rwego rw'akarere ibirori byabereye mu Murenge wa Kinigi, Akagari ka Nyabigoma, Umudugudu wa Kabatwa.

Ibi birori byitabiriwe n;umuyobozi w'Akarere ka Musanze, Bwana NSENGIMANA Claudien, Perezida w'Inama Njyanama y'Akarere, Bwana NDAYAMBAJE Michel, Abagize Komite Nyobozi y'Akarere, Abagize Inama itaguye y'Umutekano, Abagize SACOLA, abayobozi batandukanye ndetse n'abaturage bo mu Murenge wa Kinigi.

Uyu munsi mukuru waranzwe n'ibikorwa bitandukanye birimo: Gutaha ku mugaragaro inzu 13 zubakiwe imiryango itishoboye mu Mudugudu wa Kabatwa, zubatswe ku bufatanye na SACOLA; Gutaha parking y'imodoka z'abasura pariki, na yo yubatswe na SACOLA no Gutanga ibikoresho byo mu rugo n'ibiribwa ku miryango yubakiwe inzu;



**Umuhango wo kuremera abatishoboye**

Umuyobozi w'Akarere, Bwana NSENGIMANA Claudien, yatanze ubutumwa bw'ishimwe ku bitabiriye ibi birori, abashimira uruhare rwabo mu iterambere ryabo ku giti cyabo no ku gihugu muri rusange. Yagize ati: "Kwibohora ni urugendo: Twubake u Rwanda twifuza. Kwibohora bivuze impinduka mu buzima bw'Abanyarwanda, kuva ku rwego rumwe tujya ku rundi, twerekeza aheza ku iterambere twifuza kugeraho. Kwibohora si amagambo gusa, ni ibikorwa bifatika." Yasoje asaba Abanyarwanda kutagwa mu mutego w'abashaka gusebya igihugu, ahubwo ko bakomeza kwerekana ibikorwa by'iterambere igihugu cyagezeho mu myaka 31 ishize yo kwibohora.

Repubulika y'u Rwanda
Intara y'Amajyaruguru
**Akarere ka Musanze**

**Phone: 4042**
**Email: info@musanze.gov.rw**

Akarere ka Musanze ni kamwe mu Turere dutanu tugize Intara y'Amajyaruguru kashyijweho n'Itegeko N° 29/2005 ryo kuwa 23 Ukuboza 2005 rishyiraho kandi rigenga Inzego z'Imitegekere y'Igihugu. Akarere ka Musanze gakomoka ku cyahoze ari Umujyi wa Ruhengeri, Akarere ka Mutobo, Akarere ka Kinigi, Imirenge 14 y'icyahoze ari Akarere ka Bugarura n'Imirenge 3 y'icyahoze ari Akarere ka Bukamba.

Musanze,

Inyangakugoma mu Iterambere!

